
REBA
YESU
Iyerekwa rya Ellen G. White ryanditswe
mu " INYANDIKO Z’IBANZ", pp. 82-83



Nasaga n'uwicaye nihebye cyane, nubitse umutwe mu biganza ntekereza nti:

"Iyaba Yesu yari ku isi, nahita musanga, nkikubita imbere ye maze nkamubwira imibabaro yanjye yose. Ntabwo yareka kunyitaho, yangirira imbabazi, kandi namukunda ndetse nkamukorera igihe cyose.

Ubwo ni bwo urugi rwakingutse, maze umuntu wari ufite igihagararo cyiza kandi asa neza mu maso arinjira. Yandebanye impuhwe maze aravuga ati: 'Mbese urifuza kubona Yesu? Ari hano kandi ushobora kumubona niba ubishaka. Fata ibyo ufite byose maze unkurikire.





Aya magambo nayumvanye ibyishimo bitavugwa, maze n'umunezero mwinshi negeranya utuntu duke nari ntunze, imitako yanjye yose nahaga agaciro maze nkurikira uwanyoboraga.






Yanjyanye ahantu ku hahanamye cyane ku ngazi zagaragaraga ko zidakomeye.

Ubwo natangiraga kuzamuka ingazi, yampaye amabwiriza ko ngomba gukomeza guhanga amaso yanjye hejuru, bitaba ibyo nashoboraga kurindagira maze nkagwa. Abantu benshi bazamukaga ako gacuri bajyaga bagwa bataragera hejuru.



Amaherezo twaje kugera ku ngazi ya nyuma
maze duhagarara imbere y'urugi.

Aho ni  ho uwari unyoboye yantegetse
gusiga ibyo nari nitwaje byose.
Nabirambitse hasi nishimye;

maze akingura urugi arambwira ngo
ninjire.







**Mu kanya gato nari mpagaze imbere ya Yesu. Nta kwibeshya kwariho mu maso he hari heza cyane. Nta wundi washoboraga kugira indoro ye yarabagiranagamo ineza n'igitinyiro.**

**Ubwo yakomezaga kunyitegereza, nahise menya ko azi ibyambayeho byose mu mibereho yanjye ndetse akaba azi n'ibyo ntekereza byose n'ibyo nibwira.**





**Nageregeje kwikingiriza mu maso ngo ye gukomeza kunyitegereza kuko numvaga ntashobora kwihanganira ko akomeza kunyitegereza. Nyamara yaranyegereye, aramwenyura maze andambika ikiganza ku mutwe aravuga ati: "Ntugire ubwoba."**

**Ijwi rye ryiza ryumvikanye mu mutima wanjye riwutera umunezero ntigeze ngira na rimwe mu buzima bwanjye.**



Nagize ibyishimo byinshi ku buryo ntashoboraga kugira icyo mvuga, ariko nasabwe n’ibyishimo bitavugwa maze nikubita imbere ye.

Ubwo nari ndambaraye aho natentebutse, neretswe ibintu byiza by’agahebuzo kandi nasaga ‘uwageze mu bwiza n’amahoro by’ijuru.



Hashize umwanya imbaraga zanjye zaragarutse maze ndabyuka. Yesu yari akimpanze amaso ye yuje urukundo, maze kumwenyura kwe byuzuza umutima wanjye ibyishimo byinshi. Kuba imbere ye byanyuzuje kwiyoroshya no kubaha bitavugwa ndetse binyuzuza n'urukundo rutarondoreka.

Uwari unyoboye yakinguye urugi, maze twese turasohok.

Yansabye kongera gufata bya bintu nari nasize hanze.







**Maze kubifata, yampaye umugozi w'ibara ry'icyatsi uzingazinze. Yansabye gushyira uwo mugozi hafi y'umutima wanjye, kandi ambwira ko igihe nshaka kureba Yesu najya nkura uwo mugozi mu gituza maze nkawurambura wose. Yantegetse ko ntagomba na rimwe kuzawureka ngo ukomeze kwizinga kuko wari kuzamo amapfundo bityo kuwurambura bikankomerera.**





Nashyize wa mugozi hafi y'umutima wanjye maze manuka za ngazi zifunganye nishimye, nsingiza Uwiteka kandi mbwirana ibyishimo abo twahuraga bose aho bashobora kubonera Yesu.

Izi nzozi zampaye ibyiringiro. Mu ntekerezo zanjye uriya mugozi w'icyatsi ushushanya ibyiringiro, kandi ubwiza no kwiyoroshya biva mu kwiringira Imana byatangiye gusaba umutima wanjye wari mu mwijima.

